

Ibonekerwa rya Yozefa MUKAMANA.

Yarambwiye ati «nari ndi ku ishuri ndi kwandika n’abandi, numva mfite ubwoba bwinshi cyane nyoberwa ikibuntenye. Numva ijwi rimpamagara mu izina ry’iripagani, sinitayeho kuryumva kuko ntari nzi umpamagara. Ampamagara gatatu. Ku nshuro ya gatatu niho nitabye. Muri ba banyeshuri twari turi kumwe ntawe nongeye kubona. Ahubwo nabonye imbere yanjye umuntu w’umugore wambaye imyenda y’umweru, akindikije umukandara w’ubururu afite n’ivara mu mutwe. Ngira ubwoba mbona ntazi uwo ari we ariko mbona afite ishapule. Arambwira ati «ese wowe nta shapule ufite?» Ndamubaza nti oya, nti nta n’ubwo nyizi. Arambwira atikicyinzanye ni ukugira ngo wige ishapule kuko uzarushaho kuyigisha benshi. ati «ndi umwamikazi wa Rozari. Ati impamvu nkubwiye ko ndi umwamikazi wa Rozari ni uko nawe uzayivuga kandi ukayigisha hose». Ndamubaza nti ese buri gihe tuzajya tubonana kugira ngo njye mbasha kuyigisha? Ati nzajya nguha itariki yo kukubonekera wowe uzajya ugenda wigisha ntabwo ariko tuzajya duhora tubonana. Ndamubaza nti sinziga se? Aravuga ati ibyo kwiga tuzabivugana hanyuma. Ndamureba cyane ndamwitegereza arambwira ati «ndi Bikira Mariya nyina wa Yezu».

Ansaba rero ko saa yine nigera nza gusohoka, ubwo nabonaga ndi ahantu ha njyenyine nawe gusa. Ntabwo yatinze, yahise yigendera. Amaze kwigendera mbona abanyeshuri bese bahagaze bandeba, nyoberwa ibyo bandeba, numva isoni ziranyishe nti ese aba bantu baragira ngo nasaze? Ariko nanjye nkibaza nti none ataba ari Bikira Mariya akaba ambeshya nazavuga ngo iki? Ndibwira nti ubu kandi saa yine nigera araza kuza, nti ndaza kureba uko nza kumwihisha ye kumbona. Saa yine igeze rero, nsuhoka hanze ngenda nihisha ku rukuta rw’ishuri, ngiye kubona mbona na none arampamagaye mu izina ryanjye ry’iripagani. Ndamubaza nti ese ko umpamagara mu ripagani, irukirisitu nturizi? Aransubiza ati «iryo ngiryo niryongashatse kuguhamagara» Arambwira ngo pfukama, ndapfukama, arambwira ati «nje kugira ngo nkwigishe ishapule». Ndamubwira nti ishapule ntabwo nyizi, nda n’ubwo ndayibona, nti uretse kujya mu misa gusa kandi mu misa ntibavugaga ishapule.

Arambwira ati «nzayikwigisha, kandi nicyo kintu uzabanza gukora mu byo nzakubwira byose». Ndamubaza nti «ese ko ntayo mfite ndayigira ku ki?» Ati ndakwigishiriza kuri iyi yanjye urayifata, hanyuma uzashake indi uzayige. Ndamubwira nti ese ko mbona ku ishapule ntaho byanditse nzamenya mbisoma hehe? Arambwira ati ugomba kuyifata kuko aho uzajya hose aricyo kintu uzagenda uvugaga». Nuko ndamwemerera, afata ishapule ye arayinyigisha nanjye nkajya nsubiramo, ishapule yose turayirangiza.

Noneho arambwira ati « wigendere tuzongera tubonane, kuko Atari ubu gusa tuzahora tubonana. Ndamubaza nti ese ubungubu ndahita nyigisha n’abandi? Arambwira ati «ubu ntabwo uhita uyigisha, mfite igihe nzakoherereza kuyigisha». Ndamubaza nti ubu se nze kubwira iwacu ko ngomba kubigisha ishapule? Ati «ntabwo ugomba kubihisha», nti ese ndavuga ko uri nde? Nti kereka nawe nubiyereka bakakwemera bakubonye kuko njye simfite uko ndi bubisobanure. Arambwira ati «no mu rugo nzahakwiyerekera».

Ngeze imuhira nanga kubivuga, ngo iwacu batanyikubitira bavuga ko ari indwara ndwaye. Ndaceceka neza neza ariko abanyeshuri bakavuga ngo Yozefa yabonekewe, nti «barambeshyera».

Ariko kandi mbere y’uko aza nahoraga nigunze kubera ibibazo by’abana tuva inda imwe, kuko mukuru wanjye yari yarashyngiwe ari njye uri mu rugo nnyenyine, na musaza wanjye yarigendeye kwishakira amafaranga, kandi mama akaba yarapfuye. We rero yakunze kumbwira buri gihe ngo «mwana wanjye uzajye ureka ubwigunge dore ndi Umubyeyi wawe». Ngatekereza nkavuga nti uriya muntu umbwira ngo ni umubyeyi wanjye kandi Atari mama, nti buriya ni uza kumbeshya, umenya ari amashitani, numvishe ko n’i Kibeho batewe n’amashitani none nanjye akaba amfashe.

Yaza akambwira ati «mwana wanjye ujye wirinda kuvuga ko ari amashitani, ati kuko nawe, ibyo byose ubona bikubayeho».

Ngeze mu rugo nimugoroba saa kumi n’imwe mbona arahansanze, ubwo hari ku munsu wa kabiri, nari nasibye kujya kwiga ngira ngo mwalimu atanyikubitira abona ibintu bimbaho mu ishuri. Ubwo rero yaje mu rugo nasibye kujya ku ishuri, arambwira ati ese ko utagiye ku ishuri? Ndavuga nti nagira ngo utasangayo mwalimu akanyikubitira. Akambwira ampumuriza cyane kuko naramubonaga umutima ugahaba, nkumva ubwoba buranyishe, nifuzaga icyatuma agenda akamva iruhande. We akankomeza, ambwira kuvuga ishapule, ambwira no kureka kwigunga.

Ubwo rero aje mu rugo yambwiye ibyerekeye ishapule arongeraga arayinyigisha. Kuyinyigisha yakoze ku kimenyetso cy’umusaraba, arambwira ati kora ku kimenyetso cy’umusaraba, atangira ndemera Imana Patiri, akurikizaho hubawe Patiri na Dawe uri mu ijuru na ndakuramutsa Mariya. Ndamubaza nti ese ko wivugaga mu izina ati kurikira ibyo nkubwira ibyo tuzabivugaga hanyuma. Amibukiro yose uko tuyazi nawe akaba ari ko ayavugaga; nkagenda nanjye nsubiramo, ishapule irarangira. Ubwa mbere yabanje

kunyigisha amibukiro yo kwishima, ku munsu wa kabiri anyigisha ay'ishavu, ubwa gatatu akomereza ku y'ikuzo.

Ubwo rero ku munsu wa kabiri yanyigishije ay'ishavu kuko aya mbere nari nahereyeko nyamenya. Ni nk'ingabire yanshyizemo. Yambonekeye iminsi itatu yikurikiranyije buri munsu. Ku munsu wa mbere hari saa yine, ku munsu wa kabiri hari saa kumi n'imwe, ubundi akajya aza saa cyenda.

Ubwo rero nahise njya gushakira ishapule kutayibura ndayigura, agarutse asanga ndayifite, akajya anyereka uko nyifata, mpereye ku kimenyetso cy'umusaraba. Amaze kunyigisha nkayoberwa ahantu arengeye. Ku munsu wa gatatu amaze kunyigisha ay'ikuzo ntabwo yahise agenda. Yarambwiye ati «mwana wanjye rero ikindi na none kinzanyije kuri uyu munsu, ni ukukubwira ko nzakohereza aho nabonekereye abandi bana», ati ese urahazi? Nti ntabwo mpazi, uretse ko numva bahavuga. Ariko nashakaga kuzajyayo. Arambwira ati ntuzajyayo ahubwo ni nyewe uzahakohereza. Biranshimisha ngo ningira imana nzabona ubonekerwa mubaze ko abona nk'uwo nabonye.

Yambwiye rero kujyayo ari kuri Noheli. Yari yarabimbwiye mbere, hanyuma uwo munsu bigeze saa munani y'ijoro numva arankanguye ati «witegure kuko ejo tuzajya ha handi nakubwiye». Mu gitondo mbyuka niyambarira kotonu yanjye, nteganya kujya mu misa ya Noheli. Ariko nkabura intege zinjyana mu misa nkabura n'izinjyana aho ngaho kuko ntari mpazi. Byose bimbera urujijo. Mu gihe nihagarariye mu muryango mbona araje, agaba inema arambwira ati tugende, ati «ntugire ikindi ufata hoshi tugende, ni njye ukuyobora», anshushanyiriza inzira ndi bunyure, arayinyereka neza ndeba ibiti, ndeba ibintu byose by'aho ndi bunyure kugera i Kibeho. Mfata inzira ndagenda. Ndagenda ngera i Butare nkomeza ya nzira nabonaga, ndakomeza ndagenda nnyenyine nta muntu w'iwacu. Nza kunanirwa n'inzara yanyishe, nshaka kwisubirira inyuma; ndagenda niyicarira ku byatsi byari bihari abantu banshaho bakambwira ngo yewe mwa, ngo mbese urajya hehe wowe? Nkabihorera kuko numvaga nananiwe cyane ntashaka n'umvugisha. Igihe nicaye ahongaho ndimo kwibaza nti nsubireyo, ako kanya ahita aza ati «haguruka mwana wanjye, ntunanirwe turi kumwe ntabwo nigeze ngutererana». Ndihangana ndahaguruka, nti turi kumwe wa wundi koko; turakomeza turagenda, mbona tugeze i Kibeho, numva ndahatinye, nanga kugerayo nihagararira mu ishyamba rihari, ndicara bigeze aho ndaryama ndisinzirira numvaga narushye. Kuko yari yambwiye ko saa cyenda aza kuhansanga, uko saa cyenda yageze sinigeze menya ibyo ari byo, ibonekerwa rirangiye niho nabonye ndi kuri podium, nahageze

twavuganye iby'urugendo rwanjye uko byagenze, mubwira ukuntu nananiwe, ukuntu yaje akanyereka inzira nkumva ndishimye, ko yambwiye ko turi kumwe atantereranye bikanshimisha. Ubwo kuri podium arambwira ati «mwana wanjye rero ikintu nongeye kukubwira, nuko ya mashapule nakubwiye uzajya kuyigisha ku kanyaru». Ambwira ko nzanahababarira bikomeye ati «kandi uzabiyihanganire».

Mbanza no kumwangira cyane nti ntaho nzajya kuko ntahazi, nti ubu se nzagenda ntajyanye n'imyenda yanjye? Arambwira ati ibyongibyo by'imyenda n'ibiki byose uvuga byikuremo, komeza uko waje abe ari ko uzagera n'ahongaho ati «mu rugo ntuzahasubira». Nti ubu se kandi bigenze gute, ko twasezeranye ko uzangeza ahongaho, aho handi uhazanye gute? Ati «aho hantu, ni ahantu uzajya ukahamara igihe kirekire ku buryo uzahamara umwaka n'amezi atandatu». Ndabanza ndamwangira, nti aho twasezeranye narakwemereye ndahagera, nta handi nzajya. Aravuga ati «mwana wanjye ntuntegeka, ni njye ugutegeka kandi icyo nkubwiye ugomba kucyumvira».

Biba rero biranyobeye. Uwo muni kuri Noheli nibwo nafashe iyo nzira yo kujya ku Kanyaru. Ibonekerwa rirangiye arambwira ati «dufate urugendo». Turagenda, mbona buriye, ngeze ahantu ku ishyamba i Kibirizi, umuntu w'umugabo utazi iyo njya wabonaga nananiwe angurira ikigage ndinywera, ambwira ati ese wayobye? Nti ntabwo nayobye, ahubwo hari umuntu turi kumwe uretse ko yankereje kunyobora aho ngiye. Sinamubwira uwo ari we kuko numvaga atamenya ibyo ari byo. Arambwira ati «none se urakomeza inzira?» Nti ndakomeza inzira, ansezeraho. Numva ndashaka kumukurikira kuko numvaga narushye, ibirenge byabyimbye, biranyobera ngiye kubona na none mbona ndamubonye, arambwira ati «komeza urugendo ntaho urageza». Ubwoba buranyica ndarira, nti ibyanjye birarangiye. Turagenda, ngeze aho ndicara mbona ndi mu gihugu ntazi, akaba yanyeretse urugo; ubwo hari nijoro ari nko mu ma saa mbiri njya kuri urwo rugo ndakomanga, barambaza ngo ndi uwa hehe? Mbabwira ukuntu ndi uw'i Ndorwa, mbabwira n'uwantumye akambwira ko urugo anyoherejemo ari urwo ngurwo.

Urwo rugo ni urwa MAZIMPAKA Yozefu. Ntibahereye ko bemera ibyo Yozefa ababwiye ahubwo babonye ko ari umwana watorotse iwabo akayobera aho. We akababwira ko Atari ibyo ahubwo ari Bikira Mariya umwohereje.

Bwakeye mu gitondo bamuzindukana bamusubiza iwabo ku Gisagara. Agiye kugera mu rugo, Bikira Mariya yongerera kumubonekera amutegeka gusubira aho avuye. Wa mugabo wari umushoreye ayoberwa aho anyuze, ahubwo atashye asanga yamutanze

kugera iwe. Biramuyobera. Yozefa nawe akamubwira ko Bikira Mariya yahamutumye ngo ahigishirize amasengesho ya Rozari yamwigishije. Ati simpava. Nyir'urugo bimuyobeye aramureka ngo azarebe amaherezo.

Ku munsu wakurikiyeho Bikira Mariya yarahamubonekereye amubwira ko buri munsu saa cyenda, azajya yigisha abantu bo muri ako karere amasengesho yamwigishije. Amubwira ko azahagirira ibimenyetso byinshi bikomeye akazagerageza kubyihanganira, kandi ko azahamara umwaka n'igice.

Iryo bonekerwa ryabaye nyir'urugo ahari abibonye aremera. Guhera icyo gihe saa cyenda Yozefa akabaterera ishapule bamwe babanza kubyangira, ariko bigeze aho barashyira barabimenyera. Yozefa nawe ahinduka nk'umwana wabo, agakora imirimo yo mu rugo, saa cyenda akigisha ishapule kandi akahabonekererwa.

Ubutegetsi bwabyakiriye nabi arabifungirwa.

Nyuma y'amezi atandatu Yozefa ahabonekererwa buri ku wa kabiri no ku wa gatanu, kandi buri munsu saa cyenda bakavuga ishapule, muri urwo rugo ahamenyereye, inkuru igera kuri Bourgmestre wa komini Kigembe akajya yohereza abantu baza kuhamwirukana, avuga ko adashaka ibyo bintu muri komini ye, ko niba abikomeje azamufunga. Yozefa akavuga ko Bikira Mariya yahamutumye, nabo bakamusubiza ko n'iwabo bakeneye iryo jambo ry'Imana agomba gusubirayo akabavira aho. Bourgmestre rero yohereza abamufata, we na nyir'urwo rugo bafungirwa muri komini. Ku munsu bamufunguyeho hari kuwa gatanu yongera kubonekerwa, ba nyir'ukumufunga birabayobera, bagakomeza ariko gushaka ko abavira aho. Babigambana na Padiri mukuru wa Paroisse HIGIRO amushyira mu modoka avuga ko amujyanye kwa musenyeri. Bageze i Butare amuta aho atamugejeje n'aho kwa musenyeri ahubwo amwiyama kutazamugarukira muri Paroisse. Yozefa abibonye atyo asubirayo. Ibyo byose byabaye yarahageze kuri Noheli, ubwo hari mu kwezi kwa munani kandi Bikira Mariya yaramubwiye ko ku itariki ya 15 z'ukwa munani azongera kumubonekerera i Kibeho.

Yozefa ariko yamaze gusubira aho muri Kigembe, Bourgmestre yiyemeza kuhamukura ajya kumufungisha i Butare. Yamujyanyeyo rero ku itariki ya 12/8 ageze kuri parike aregwa ko ngo yirirwa asenga ngo ni umurokore. We ahakana ko Atari umurokore, kuko anywa inzoga, akaba atanga gukora animasiyo n'umuganda, ibyo aribyo byose ariko bamujyana kumufunga. Ageze mu munyururu Bikira Mariya arahamusanga ati «ibikubaho byose ubyihanganire». Araramo bukeye bongera kumuhamagara kuri parike

baramubwira ngo nahakane Bikira Mariya bamurekure. Ati «sinamwihakana kandi ari iby'ukuri ko ambonekera». Ati «n'ikimenyimenyi azambonekera kuri 15/8». Bati ese azakubonekerera hehe? Ati i Kibeho. Bati i Kibeho se ute kandi ufunze? Ati nasanga ari bumbonekerere hano nabyo ntacyo n'abanyururu bakeneye ubutumwa, ariko yambwiye ko azambonekerera i Kibeho. Bamubwira gusinyira ko atazongera kubonekerwa bakamurekura, ati «sinasinyira ibyo ntazareka, kuko ntazi igihe azansezerera», ati «nansezeraho nzasinyira ko yansezereye».

Ku itariki ya 14 z'ukwa munani 1984 mu gitondo cya kare Bikira Mariya yongera kumubonekera aramubwira ngo yitegure ntiyongera kurara aho muri gereza ati «aho nakubwiye niho tuzahurira». Yozefa akumva ari ibintu bikomeye kuko yabonaga nta kundi yarafunzwe. Bigejeje saa tatu bongera kumuhamagara, bamubwira kwanga kubonekerwa, nawe ababwira ko atabishobora kuko Atari we ubyiha, abona bamubwiye gusubira mu buroko; asubirayo yibaza niba Bikira Mariya atibeshye ubwo yamubwiraga ko azamubonekerera i Kibeho!!!

Uwo munsu akazi karangiye i saa kumi n'imwe yongera guhamagarwa, ageze kuri parike bongera kumwihanangiriza kureka gusenga no kubonekerwa, nawe arabibahakanira, bamubwira ko asubira mu buroko. Agezeyo mu gihe yigunze yongera kubona Bikira Mariya aramubwira ati «ntuhangayike nakubwiye ko utari burare hano, ahubwo uri burare aho nakubwiye ko tuzahurira». Mu gihe agishidikanya abona bohereje urupapuro rwo kumufunguza. Umwe mu bari bamufunze amubaza umubare w'amafaranga yo kumugeza i Kibeho arayamuha amutegera n'imodoka imugezayo ararayo.

Igihe yari afunze abo mu rugo yabagamo muri komini Kigembe bari baramudodeshereje ikanzu bagira ngo bazayimushyire mu buroko. Ku itariki ya 15 z'ukwa munani rero aba ari i Kibeho arabonekerwa, maze mu biganiriro bagirana Bikira Mariya amubwira ko agomba gusubira aho muri Kigembe kuko yari atarahamusezerera. Yozefa abanza kubyanga, amubwira ababaye atera imbabazi ko adashobora gusubirayo. Bikira Mariya nawe ati «ugomba gusubirayo kuko mbikubwiye, ibyo ntabwo ugomba kubyinubira». Ibonekerwa rirangiye asubirayo. Ahageze na none Bourgmestre akajya yohereza abajya kumufata, akongera akamurekura. Igihe kimwe Bikira Mariya amubwira ko hari ahandi hantu agiye kumwohereza akazahamara amezi abiri; akazongera akagaruka aho. Amubwira ko aho ari kwa Bourgmestre wa komini Mushubati i Gitarama arahamurangira, ajyayo. Agezeyo yakirwa neza, ababwira ikimugenza, ahabonekererwa amezi abiri. Muri iryo bonekerwa Bikira Mariya akibutsa

abantu gusenga, kuzirikana ishapule, akavuga ko urubyiruko rw'iki gihe rumubabaza... Nyuma y'amezi abiri Bikira Mariya yongera kumubwira ati «tugende», amubwira gusubira muri Kigembe, asubirayo ababaye. Ubwo hari mu kwezi kwa cumi na kumwe.. Agezeyo abategetsi baho na Padiri mukuru bongera gutangara. Igihe yari yarabwiwe kuzahamara gishize Bikira Mariya arahamusezerera. Ati «nabonye kwihangana kwawe, kandi nawe wabonye ko ntagutereranye, none igihe nakubwiye kirageze».

Amaze kuhamusezerera asubira iwabo i Ndora bamubonye baratangara kuko bari baramubuze muri icyo gihe cy'umwaka n'amezi atandatu. Yaragiye ari muto babona aje ari inkumi. Abatekerereza ibyamubayeho byose, baramubabarira. Muri iyo minsi Bikira Mariya yongera kuhamubonekera amwohereza I Burundi, mu Kayanza kwa Yohani NTEZIMANA. Mu kumwoherezayo yaramubwiye ati «uracyavuga ko wababaye! Na none haguruka tugende, kandi ugende ufashe intwari yawe ariyo ishapule. Amwereka inzira n'urugo ari bujyemo. Agerayo nijoro babanza kwanga kumucumbikira arara ku rubaraza rw'inzu yabo, babyutse basanga niho ari, abatekerereza uko yahoherejwe kwamamaza ubutumwa bwa Rozari, nyir'urugo arabyumva ntiyamwirukana.

Batangiye kujya basenga, abaturanyi baramwamagana, umwana nawe akababwira ko bamurenganya. Babona abonekewe bakamureka, hakaba igihe bamutoteje we n'abo muri urwo rugo bakabakubita, ariko ntiyahava igihe yabwiwe kitageze. Aho yabonekererwaga hakaba ubwo bahatega ibintu byo kumugirira nabi; ngo ibonekerwa ryajya gutangira Bikira Mariya akamubwira ati «fata amazi y'umugisha ukarabe; genda uterure biriya ubikureho ubite kure». Ubwo agahita abibabwirira aho. Yozefa ati «Bikira Mariya agahora andi hafi andagiye no mu nzira naba ngiye kurenga ibyo banteze akambwira ati ca ahangaha, ya nzira ambujije nkayireka nkanyura aho ambwiye. Agahora ambonekera atyo. Sinahamaze igihe kirekire». Abatotejwe n'abakubiswe icyo gihe ni benshi, babonye Yozefa asezerewe baravuga bati badutotezaga ariko twakumva ijamba Umubyeyi atubwiye tukumva aradukomeje, tukishima, bati ese ubu noneho tuzabigira dute? Nawe arabasubiza ati «mujye mwihangana mumwiragize, azabafasha ntawe atererana».

Hanyuma yamuhaye ubutumwa i Bugesera.

Ubwo rero Bikira Mariya yamaze kuhamusezerera Yozefa asubira iwabo muri komini Ndora hashize iminsi yongera kumubonekera aramubwira ati «bwa butumwa nakubwiye buracyakomeza». Yozefa aragira ati «nari i Kibeho mu ibonekerwa Bikira

Mariya arambwira ati bwa butumwa nakubwiye uzi ko bugikomeza? Ubu ngiye kukohereza ahandi uzagende». Nti aho se kandi ni hehe noneho? Ati «uzajya i Bugesera. Nti ese i Bugesera ni igihugu cya hehe? Arambwira ati ni igihugu cyo mu Rwanda. Ati kandi nyamara aho nzakohereza uzasanga uhazi». Koko rero naragiye nsanga abaho ndabazi, ni i Gashora kwa Andereya NKULIKIYIMFURA. Nagezeyo nsanga baranzi kuko bari basanzwe baja i Kibeho.

Yozefa rero yagezeyo asanga bamuzi. Igihe cya saa cyenda akahabonekererwa, Bikira Mariya akamubwira ko abantu baho bagomba kuvuga ishapule no kumwiragiza. Kuhabonekererwa ariko ntibigombera ko ahaba iteka ahubwo amubwira itariki azahabonekererwa yagera akajyayo. Ubundi hagati aho hari ahandi yeretswe kujya kuba ku Gitega i Kigali, amaze imyaka ibiri abonekerwa mu Bugesera.

Yozefa hari igihe yabonekerwaga buri wa kabiri n'uwa gatanu, yarahawe ububabare bwo mu magufwa akaba yaragiye gusura Berinadeta muri Vunga. Si Bikira Mariya umubonekera gusa na Yezu yatangiye kumubonekera kera ku itariki ya 7/3/1983 icyo gihe Bikira Mariya yari yaramubwiye ko atazakomeza kumubona wenyine, ko azabona n'Umwana we. Yozefa aragira ati «nari nicaye mu rugo nganira n'abandi, mbona kwa kundi natwawe Bikira Mariya ambonekera bwa mbere niko bimbayeho. Ngiye kubona mbona imbere yanjye hahagaze umuntu w'umugabo, ubwo hari mu gisibo, aza anyereka yambaye ikamba ry'amahwa avirirana amaraso, ampamagara agira ati «kinzanye kuri uyu muni ni uko ugomba kujya uzirikana ububabare bwanjye. Ambwira ko azajya ambonekera rimwe mu mwaka ku itariki ya 20/3 i Kibeho. Yaje rero ambwira imibabaro ye 15 kandi yambaye igishura gitukura, ambwira kandi ko nanjye nzajya nambara umwenda utukura ku wa kabiri no kuwa gatanu».

«Ubu rero Yozefa rimwe na rimwe aba ari iwabo, ubundi akaba ari aho ku Gitega i Kigali yahabonekerewe umunsi igisibo cy'umwaka w'1990 gitangira. Ahava ajya kubonekererwa i Kibeho n'i Gashora. Yambwiye ko aho i Gashora azahasezererwa ku itariki ya 10/7/1990. I Kibeho naho ahabonekererwa ku itariki ya 20 z'ukwa gatatu, ku ya 15 z'ukwa munani no kuya 25 z'ukwa cumi n'abiri. Ubwo yabonekerwaga kuri Noheli 1989 yabwiye ko ari ubwa nyuma abonekewe kuri icyo tariki, kandi ko azasezerwaho kuri 15/8/1990 »

Byakuwe mu gitabo : *IBYABEYE I KIBEHO NTUZABIBARIWE* cyanditswe na Dominiko MAKELI, (pp.41 – 68). - Byandukuwe na AVMDKI ASBL – Bruxelles.